# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

## UMWIHERERO WA KANE WA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**KU WA 28 UKWAKIRA 2023**

**INTARE CONFERENCE ARENA**

**Banyamuryango ba Unity Club,**

**Banyamuryango Bashya twakira uyu munsi,**

**Bavandimwe - Ntwararumuri,**

Muraho neza!

- Nshimishijwe n'uko twongeye guhura uyu munsi mu mwiherero wa kane wa Unity Club Intwararumuri.

- Iteka iyo duhuye nkuko turi kumwe uyu munsi, ni umwanya mwiza wo kongera kuganira, gusabana, ndetse no kungurana ibitekerezo.
  Turi hano ngo dufashanye ndetse dukomeze **'umukoro'** twihaye nk'Intwararumuri.

- Ndahamya ko uyu munsi udasanzwe, kuko tuza kongera kwitoza kwambara neza ikamba ry'ubuyobozi '**the leadership crown**', tukarushaho no kumenyana nka '**effective members**'.

**Banyamuryango - Ntwararumuri,**

- Mumfashe twongere duhe ikaze abanyamuryango bashya twakiriye none. Muri amaboko mashya, Umusanzu wanyu ndetse n'ubunararibonye mufite ndizera ntashidikanya ko bizagirira akamaro umuryango wacu wa Unity Club, ndetse n'Igihugu muri rusange.

- Nk'uko dukunze kubivuga, Unity Club ntabwo ari ahantu hadusaba gusa kwitanga, ahubwo natwe tuhungukira byinshi kandi by'ingirakamaro. ndetse bidufasha mu buzima busanzwe.

- Ntabwo duhujwe n'akazi rero gusa ahubwo turi mu rugo – mu muryango. Mushobora guhura n'imbogamizi ariko ntimuzigera muba mwenyine muri uyu muryango. **Embrace your role, keeping in mind that this sisterhood can be your most profound source of support.**

- Insanganyamatsiko y'umwiherero wacu w'uyu mwaka iragira iti '**Intwararumuri: Tubigire umuco uhamye**.'

- **Bavandimwe by'umwihariko abanyamuryango bashya, nk'ababyeyi barerera u Rwanda**:

  - Twahisemo umuco w'ibiganiro birimo ubworoherane, kuvugisha ukuri, kuzuzanya, kubahana no kubaha ibitekerezo bya mugenzi wawe, bityo tukaba intangarugero ku bandi banyarwanda mu bumwe n'ubudaheranwa.

  - Muri wa mwihariko wacu w'uko ubaye umunyamuryango akomeza kuba we iteka ryose, bituma nta munyamuryango ucyura igihe mu nshingano ze.

  - Muri byose, dukora duharanira gukomeza kubaka u Rwanda ruzira amakimbirane ashingiye ku moko cyangwa ku turere, ndetse n'ikindi cyose cyagenderwaho.

- Mu nshingano zitandukanye dufite kandi, harimo imwe ikomeye cyane yo kwanga ko hari uwaba imbata y’amateka. Amateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo ntituyibagirwa. Dufata umwanya wo kuyaganira, kugira ngo tubashe kuyarenga ndetse duharanire ko atazongera ukundi.

- Dukwiye gukomeza kuba umusemburo uzana impinduka irambye - iyi ni intego ikomeye twihaye tugitangira uyu muryango kandi ikwiye kuba ngenderwaho mu bikorwa byacu bya buri munsi.

**Bavandimwe,**

- Amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo niyo yabaye ishingiro ryo kubaho k’umuryango Unity Club, wavutse imyaka ibiri nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

- Ntabwo byari byoroshye ko abantu bongera kwicarana kubera urwo rwibutso rubi rukomoka kuri ayo mateka. Urwicyekwe rwari rwinshi, nta cyizere mu bayobozi ndetse ntawiyumvishaga ko ibyo tureba uyu munsi byashoboka!

- Ayo masomo rero, niyo yaduhaye imbaraga n'umurava wo gushaka ibisubizo birambye by'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, kuko aritwe ubwacu tugena ejo hazaza hacu n'ah'abadukomokaho!

- Nyuma y'urugamba rwo kwibohora no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hakurikiyeho urugamba rwo kubaka Igihugu no kwiyubaka ndetse uyu munsi twavuga ko Umunyarwanda afite ahantu runaka ageze.

- Tugendeye kuri ya mahitamo atatu twakoze nk'Igihugu:
    - Gukomeza kuba umwe,
    - Kubazwa inshingano, no
    - Kureba kure.

  Nyuma y'imyaka hafi 30 dukwiye kwisuzuma, tukanoza imitekerereze, imyumvire, n'imikorere, kandi bigahera kuri twe, nk'abiyemeje kuba umusemburo w'impinduka.

- Ubwo rero twiyemeje ibyo byose mvuze haruguru, nagirango muri uyu mwiherero “**entre filles**” tuze kugaruka ku ruhare rwacu igihe hari abo tubonye bashaka kubangamira ubumwe bw’abanyarwanda cyangwa gusenya ibyo twagezeho.

- Mu mpanuro duhabwa n’Umukuru w’ Igihugu cyacu, akomeza kutwibutsa ko ‘**Ndi Umunyarwanda**’ ari zo mbaraga zacu, ko nta gikwiye kudutandukanya.

- Ndi Umunyarwanda ni isano-muzi isobetse ubumwe bw’Abanyarwanda, ikatubera ingabo idukingira ibyashaka kudutanya. - Nkunda intero njya numva intore zikoresha igira iti: **“Ubumwe bwacu nizo mbaraga zacu”.**

- Nk’abagore bambaye rya kamba ry’ubuyobozi twatangiriyeho, duhore twibukiranya za nshingano nyabutatu dufite:
    - **Umugore nka mutima w’urugo**
    - **Umugore nk’umuyobozi**
    - **Umugore nk’umubyeyi n’umurezi**

- Kuba mutima w'urugo bivuga ko ari twe twita ku rugo, tukamenya kurinda ubuzima n'isura by'urugo. Kuba ba "Mutima w'igihugu" nabyo rero ntabwo byatunanira.

- Mboneyeho n'umwanya wo kubashimira ko mukomeje kuba urumuri mu bikorwa bitandukanye by'iterambere, cyane cyane ubwitange bwanyu, muri gahunda yo kubakira ababyeyi b'Intwaza ingo nziza z'Impinganzima, kubaremera no kubaba hafi muri bya bikorwa byose byiza tubanamo nabo.

- Uru rumuri dutwaye rukomeze kutumurikira aho turi hose.

- Muri uyu mwiherero tuze kwibaza tuti: Ese nk'Intwararumuri twumva turi maso bihagije byakumira icyakototera Ubumwe bw'Abanyarwanda?

- Ese abato babyiruka uyu munsi, turabategura dute? Turabereka uruhe rugero bazakomezanya nk'umurage uzakomeza kubaka u Rwanda, gusigasira ibyagezweho, ndetse bakanarushaho?

**Murakoze, Tugire umwiherero mwiza!**